Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Amajyepfo
Akarere ka Nyamagabe

# NYAMAGABE DISTRICT NEWSLETTER

November, 2022

## IBIRIMO


- Kwizihiza umunsi mpuzamahanga wa mwarimu
- Gusoza ukwezi kwahariwe ubumwe n'ubudaheranwa bw'abanyarwanda.
- Ubukangurambaga ku buzima bwo mu mutwe
- Umuganda w'urubyiruko rwiga mu mashuri yisumbuye
- Abaturage basabwe kwita ku isuku y’ubwiherero
- Urubyiruko rwakanguriwe kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina
- Abaturage basabwe gukomeza kurwanya isuri
- Ibikorwa by'igitondo cy'isuku




## UMUTURAGE KU ISONGA



Umuryango wa AHISHYIZE Gerard na NYIRAHABINEZA Joyce wahungutse uvuye mu Gihugu cya Republika Iharanira Demukarasi ya Congo (DRC) wishimiye ko nyuma yo guhunguka ubu wubakiwe inzu nziza.

Uyu muryango ufite abana batandatu utuye mu Kagari ka Gashwati mu Murenge wa Mushubi. Kuri ubu bishimiye ubuzima umuryango ubayemo kuko abana bariga kandi n'ababyeyi bagakora bagamije kwiteza imbere. Bati "Ubu turatuje tubayeho ubuzima butandukanye n'ubwo muri Congo kuko aho twirirwaga siho twararaga kubera intambara".


**CONTACT US**

info@nyamagabe.gov.rw
3201
www.nyamagabe.gov.rw
@nyamagabe
Nyamagabe District

# Hizihijwe umunsi mpuzamahanga wa mwarimu, ab'indashyikirwa barashimirwa

Ku wa 02 Ugushyingo, mu Karere ka Nyamagabe habereye umuhango wo kwizihiza umunsi mpuzamahanga wa mwarimu ku nsanganyamatsiko iragira iti "**Umwarimu ishingiro ry'impinduka nziza mu burezi**".




Uyu muhango wabereye kuri Stade Nyagisenyi witabiriwe na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Uwamahoro Clothilde, Umuyobozi w’Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza, Uwamariya Agnes, inzego z'umutekano, abarimu n'abaturage.

Mbere yo gutangira ibirori abarezi bo mu Karere ka Nyamagabe babanje gukina imikino itandukanye (Football na Volleyball).



Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere yashimiye abarezi bose muri rusange cyane cyane abarezi bahembwe nk'indashyikirwa maze aboneraho gusaba ubufatanye bw'ababyeyi n'abarezi ku burere buboneye bw'abana.

Yibukije abitabiriye kuzirikana uruhare rufatika rwa mwarimu ku ireme ry'uburezi rifasha abana kwigirira umumaro.

# Haganiriwe ku mushinga wo kubungabunga urusobe rw’ibinyabuzima

Ku wa 08 Ugushyingo, Umuyobozi w’Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry’Ubukungu, Habimana Thaddée yayoboye inama y’umushinga wo kubungabunga urusobe rw’ibinyabuzima ushyirwa mu bikorwa na UNICOOPAGI ku nkunga ya TROCAIRE.



Muri iyi nama yarimo abahagarariye UNICOOPAGI na Trocaire hari hagamijwe kureba aho ibikorwa by’uyu mushinga bigeze bishyirwa mu bikorwa. Uyu mushinga ukorera mu Mirenge ya Uwinkingi na Buruhukiro mu Tugari dukora kuri Parike ya Nyungwe.

Muri iyi nama yasabwe ko mu mushinga hakongerwamo gutera ibiti bivangwa n’imyaka, imbuto ziribwa, gukora uturima tw’igikoni, kuvugurura ubworozi bw’ingurube no gufasha aborozi kubona ibiryo byazo hafi. Hasabwe gufasha abahinzi gutubura imbuto z’ibirayi, gukusanya umusaruro no kuwutunganya.

# Hasojwe ukwezi kwahariwe ubumwe n'ubudaheranwa bw'abanyarwanda

Ku wa 08 Ugushyingo 2022, mu Karere ka Nyamagabe hasojwe ukwezi kwahariwe ubumwe n'ubudaheranwa bw'abanyarwanda hasabwa ko ibikorwa biteza imbere ubumwe byakomeza aho abantu batuye.

Ni umuhango wabereye muri Salle y'Akarere uyoborwa na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Mme Uwamahoro Clothilde ari hamwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Habimana Thaddée.

Muri uyu muhango hatanzwe ikiganiro kuri Ndi Umunyarwanda, hatangwa n'ubuhamya ku rugendo ry'ubumwe n'ubudaheranwa, bwatanzwe n'uwarokotse jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 ndetse n'uwagize uruhare muri jenoside.






Iki gikorwa cyitabiriwe n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge, abayobozi b'Inama Njyanama mu Mirenge, abakangurambaga b'ubumwe n'ubwiyunge, abahagarariye amadini, abakozi b'Akarere ndetse n'inzego z'umutekano.

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu yashimye uruhare rwagaragaye mu gufasha abanyarwanda by'umwihariko abaturage ba Nyamagabe mu kudaheranwa n'amateka atari meza yaranze Igihugu, ndetse no kongera kwibuka isano muzi y'ubumwe n'ubunyarwanda.

Mu ijambo rya Perezida w'Inama Njyanama yavuze ko uyu munsi harimo hasozwa ukwezi kwahariwe ubumwe n'ubwiyunge n'ubudaheranwa bw'abanyarwanda, avuga ko habonetse umwanya wo kongera kujya inama, gusubira mu mateka y'uko ubumwe bw'abanyarwanda bwasenywe.

Yagarutse ku mateka mabi yaranze Igihugu yaganishije kuri jenoside yakorewe abatutsi mu 1994, avuga ko nyuma y'aho FPR Inkotanyi ihagaritse jenoside, Leta yahisemo kubakira k'ubumwe bw'abanyarwanda.

Yasabye abitabiriye kuzirikana ku isano bafitanye yo kuba ari abanyarwanda.

Yagize ati "Isano dusangiye twese turi abanyarwanda, iki ni igihango, ni n'icyomoro. Niduha agaciro isano dufitanye ya Ndi umunyarwanda, iyo sano izatubera icyomoro".

Yashimye abagize uruhare muri uku kwezi k'ubumwe n'ubudaheranwa bw'abanyarwanda avuga ko n'ubwo gusojwe ariko ibikorwa bikomeje.

Yagize ati "Dusoje ukwezi kwahariwe ubumwe n'ubudaheranwa bw'abanyarwanda ariko ntabwo dusoje bya bikorwa byacu, ntabwo dusoje rwa rugendo kuko urugendo rwo rurakomeza umunsi ku munsi. Ntibibe ibyo muri uku kwezi, ntibibe iby'uko twagiye mu mahugurwa ahubwo byinjire mu buzima bwacu bwa buri munsi".

Abagize uruhare muri uku kwezi kw'ubumwe n'ubudaheranwa bw'abanyarwanda bashimiwe bahabwa ibyemezo by'ishimwe (certificates).

# Ubukangurambaga ku buzima bwo mu mutwe

Ku wa 08/11/2022, mu Murenge wa Musange hatangirijwe ubukangurambaga ku buzima bwo mu mutwe. Abaturage basobanuriwe ubuzima bwo mu mutwe icyo ari cyo, uburwayi bwo mu mutwe, ibimenyetso bigaragaza uburwayi bwo mu mutwe n'ikibutera.

Ubu bukangurambaga bwatangijwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Imiberehho Myiza y'Abaturage, Uwamariya Agnes.



Ubu bukangurambaga bwakomereje mu bigo nderabuzima byo mu Karere aho abaganaga ibigo basobanurirwaga ubuzima bwo mu mutwe n'icyo bafasha umuntu wagaragaweho n'uburwayi bwo mu mutwe.


Muri ubu bukangurambaga, ku wa 30/11/2022 Umuyobozi w'Ishami ry'Ubuzima mu Karere, Ayinkamiye Donatha ari hamwe n'Umukozi Ushinzwe Ubuzima bwo mu mutwe mu Bitaro bya Kigeme, Ayinkamiye Petronille ndetse n'umwe mu barwaye uburwayi bwo mu mutwe akaza gukurikiranwa akavuzwa agakira bakoreye ikiganiro kuri Radio Huye basobaanura uko ubu bukangurambaga bwagenze.



Muri iki kiganiro bongeye kwibutsa abaturage uko bakwita ku buzima bwo mu mutwe n'ubufasha baha uwahuye n'uburwayi bwo mu mutwe. Basobanuye ibimenyetso by'uburwayi bwo mu mutwe n'uko abaturage bakwita ku buzima bwabo kugira ngo birinde kuba barwara uburwayi bwo mu mutwe.

# MAYOR Niyomwungeri receives U.S. Chargé d'Affaires to Rwanda





Monday, 14 November - Nyamagabe District Mayor, Hildebrand Niyomwungeri received the U.S. Chargé d'Affaires to Rwanda, Deb MacLean.

They discussed education development, particularly, a US funded school feeding programme implemented in Nyamagabe. They also exchanged on agriculture and attracting investors, among others.

# Umuganda w'urubyiruko rwiga mu mashuri yisumbuye

Ku wa 12/11/2022, mu Karere ka Nyamagabe hakozwe umuganda wihariye w'urubyiruko rwiga mu mashuri yisumbuye.

Muri uyu muganda, Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe ari hamwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Imibereho Myiza y'Abaturage, Uwamariya Agnes ndetse n'Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko mu Karere bakoreye mu Kagari ka Munyege, mu Murenge wa Uwinkingi aho bafatanyije n'abanyesuri bo muri TTC Mbuga guhoma inzu y'umuturage.





Muri uyu muganda, abanyeshuri bafatanyije n'abayobozi bavomye amazi, bacukura kandi bakata icyondo ndetse bahoma n'inzu.

Aganira n'abanyeshuri ba TTC Mbuga nyuma y'umuganda, Umuyobozi w'Akarere Wungirije yabibukije amahirwe atandukanye ari mu Gihugu urubyiruko rufite mu rwego rwo kubaka ejo heza. Yabibukije ko bakwiye kugira imyitwarire myiza no gukorera ku ntego.

Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere yashimye imbaraga n'umurava abanyeshuri bagaragaje mu muganda, avuga ko ari urugero rw'ibishoboka mu kubaka Igihugu.

# Abaturage basabwe kwita ku isuku y'ubwiherero

Ku wa 24 Ugushyingo 2022, mu Karere ka Nyamagabe, Umurenge wa Mushubi hizihijwe umunsi mpuzamahanga wahariwe ubwiherero no gukaraba intoki.

Ni umunsi wizihijwe ku bufatanye n'umuryango Water Aid Rwanda aho ufatanya n'Akarere mu bikorwa bitandukanye bigamije guteza imbere isuku n'isukura mu baturage.

Mu kwizihiza uyu munsi, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza, Uwamariya Agnes yibukije abaturage kwita ku isuku y'ubwiherero n'isuku muri rusange.

Yagize ati "Mukore ubwiherero bwanyu bugere ku rwego rwiza, bufunze, busakaye, bukurungiye ku mpande bufite na kandagira ukarabe kugira ngo ugisohokamo twubahirize wa muco wo gukaraba intoki".

Yakomeje yibutsa ko byagaragaye ko intoki arizo zitwara umwanda mwinshi abantu bahura nawo kuko indwara nyinshi zikomoka mu mwanda zinyura mu guhana ibiganza.



Yagize ati "Tugomba gukaraba intoki igihe n'imburagihe n'amazi meza n'isabune. Waba ugiye kurya, waba uvuye mu bwiherero ndetse n'iyo waba uvuye ahandi ufite icyo ufasheho".

Muri uyu muhango, umuryango wa Ahishyize Gerard watujwe mu nzu wubakiwe nyuma y'uko wabagaho usembera. Ku bufatanye na WaterAid kandi uyu muryango wubakiwe ubwiherero bwujuje ibisabwa.

Muri gahunda yo gukomeza guhangana n'ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'abaturage, ku bufatanye na WaterAid, mu Karere ka Nyamagabe hatanzwe amabati 800 yo gusakara ubwiherero bw'abaturage.




# Urubyiruko rwakanguriwe kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina

Ku wa 25/11/2022, mu Mirenge y'Akarere ka Nyamagabe hatangijwe iminsi 16 y'ubukangurambaga bwo kurwanya no gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Ni ku nsanganyamatsiko igira iti "Dufatanye. Twubake umuryango uzira ihohoterwa"




Iki gikorwa ku rwego rw'Akarere cyabereye mu Murenge wa Gasaka cyitabirwa n'urubyiruko rwo mu mashuri ya ES Sumba, ESc Nyamagabe, GS Gikongoro na Don Bosco TVET School. Abitabiriye babanje urugendo rwo kwamagana ihohoterwa rishingiye ku gitsina baturutse mu i Ronderi berekeza kuri Stade Nyagisenyi.




Igikorwa cyitabiriwe n'Umunyamabanga w'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego r'Intara; Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore mu Karere ka Nyamagabe, Umuyobozi w'Ishami ry'Imiyoborere Myiza mu Karere n'abandi bayobozi.

Ubutumwa bwatanzwe bwagarutse ku gusobanurira urubyiruko ihohoterwa rishingiye ku gitsina, uko baryirinda, kumenya uko barirwanya mu miryango ndetse no kwirinda imirimo ibujijwe mu bana.

# Abaturage basabwe gukomeza kurwanya isuri

Ku wa Gatandatu taliki 26 Ugushyingo 2022, abaturage ba Nyamagabe baramukiye mu muganda rusange usoza ukwezi k'Ugushyingo. Ku rwego rw'Akarere, uyu muganda wabereye mu Murenge wa Kitabi, Akagari ka Kagano ahaciwe imirwanyasuri ku musozi.

Uyu muganda witabiriwe n'Abadepite, Hon. Uwineza Beline, Hon. Mutesi Anitha na Hon. Nyiragwaneza Athanasie. Witabiriwe kandi n'Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, Niyomwungeri Hildebrand, Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere Uwamahoro Clothilde ndetse n'inzego z'umutekano.



Muri uyu muganda, abayobozi n'abaturage baciye imirwanyasuri ku musozi ufite 12ha. Ni mu rwego rwo gufata amazi y'imvura aturuka kuri uyu musozi.

Nyuma y'umuganda, Umuyobozi w'Akarere, yabwiye abaturage ko ari ngombwa gukomeza guca imirwanyasuri mu mirima no guhinga batambika kugirango bagire amaterasi yikora, bizabafasha kwihaza mu biribwa.

Umuyobozi w'Akarere yatanze ubutumwa bwo 'kurwanya ruswa'. Yibukije ko nta muturage ugomba guhabwa serivisi ari uko abanje kwishyura. Avuga ko serivisi zisaba amafaranga zitangirwa ku rubuga 'Irembo' kandi bishyura bakoresheje ikoranabuhanga.

Mu butumwa bwa Hon. Uwineza Beline yashimye abaturage ba Kitabi bitabiriye umuganda avuga ko ari amahitamo meza yo kwiyubakira Igihugu. Yagarutse ku ngendo Abadepite barimo muri iyi minsi aho basura ibikorwa bitandukanye kandi bakaganira n'abaturage.

Hon. Uwineza Beline yasabye ababyeyi kwita ku muryango, kwita ku burere bw'abana kandi ababyeyi bombi bafatanyije. Yibukije kandi kwirinda ubuharike ahubwo ababyeyi bombi bagakorera urugo bashyize hamwe. Yabasabye kunoza isuku mu ngo, ku mubiri no ku bana.

# Nyamagabe District gets funds for responding to climate crisis

On the sidelines of the 27th United Nations Climate Change Conference (COP27), Nyamagabe District was announced as a grantee of the Global Cities Fund for Migrants and Refugees (GCF), an initiative to respond to the unmet needs of cities as they support migrants, refugees, and internally displaced people (IDPs).

Nyamagabe District welcomed this initiative by Mayors Migration Council (MMC), which will be used in converting waste from a local refugee camp (Kigeme) into renewable energy for the area at large, reducing deforestation, creating green jobs, and building social cohesion in the process.

Through the Global Cities Fund, Mayors Migration Council will direct $1.2M to six African cities including Nyamagabe as they support migrants and displaced people affected by the Climate Crisis.




Launched in 2021 at the United Nations Climate Change Conference (COP26) by the Mayors Migration Council (MMC) and C40 Cities Climate Leadership Group (C40 Cities) in partnership with the Robert Bosch Stiftung (RBSG), the GCF drives financial and technical resources to African cities addressing the needs of migrants and displaced people affected by the climate crisis.

"African cities may be disproportionately impacted by the climate crisis, but we're also the ones showing the world how to develop innovative, inclusive solutions that make cities more sustainable—environmentally, economically, and socially," said Hildebrand Niyomwungeri, Mayor of Nyamagabe District.

"The helping hand of the Global Cities Fund for Migrants and Refugees will create jobs for our displaced neighbors, convert waste into greener energy sources, and build vital kinship between Nyamagabe's refugee camp and its wider community."




Following this move, on November 23, Nyamagabe District Executive Committee received a UNHCR team led by Olivier Lompo and discussed climate adaptation projects to be financed by the funds.





# Ubukangurambaga ku isuku





Muri uku kwezi k'Ugushyingo mu Karere ka Nyamagabe hakozwe ibikorwa bitandukanye bigamije gukangurira abaturage kwimakaza isuku.

Ni ibikorwa kandi bijyanye n'ukwezi k'ubukangurambaga ku bufatanye na Police ndetse n'Intara y'Amajyepfo igamije kunoza isuku mu ngo n'ahahurira abantu benshi.



Ubwo yatangizaga ubu bukanguramba, ku wa 15/11/2022, mu isoko ry'amatungo rya Ryarubondo, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza yibukije abaturage ko bagomba guharanira ko Akarere ka Nyamagabe kaba aka mbere mu bikorwa by'isuku.



Muri uku kwezi kandi mu Karere ka Nyamagabe hakomeje ibikorwa byahariwe Igitondo cy'Isuku bikorwa buri wa Kabiri w'icyumweru.

Muri ibi bikorwa, abaturage bafata isaha imwe ya 7:00h-8:00h maze bagakora isuku mu ngo, ahahurira abantu benshi ndetse n'aho bakorera.

Muri ibi bikorwa, umwihariko washyizwe mu bigo by'amashuri, ibigo by'ubuvuzi no guhangana n'ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'abaturage

